w'ugomba kwishyura byemejwe n'inama y'ababerewemo imyenda. Izo nguzanyo cyangwa ingwate zishyurwa mbere y'ababerewemo imyenda;	upon approval by a creditors' meeting. The credit or mortgage shall be paid off before creditors;	le patrimoine du débiteur après approbation par l'assemblée des créanciers. Ces prêts ou garanties sont réglés par priorité sur le règlement des créanciers ;
6° gusaranganya ababerewemo imyenda ikintu cy'umutungo kidashobora kugurishwa ku buryo bworoshye hakurikijwe imiterere n'agaciro kacyo;	6° divide an object in its existing form among the creditors, according to its estimated value, and its peculiar nature;	6° répartir entre les créanciers un bien qui ne peut pas être vendu facilement en raison de sa nature et de sa valeur ;
7° kwemera gukomeza amasezerano y'ubukode ku mutungo ugomba kwishyura cyangwa kuyasesa ;	7° compromise the lease contract on the property to be paid off or dissolve it ;	7° accepter de poursuivre ou de résilier le contrat de location concédé sur le patrimoine du débiteur ;
8° kumvikana no kwishyura ababereyemo imyenda ugomba kwishyura;	8° compromise and settle any debts owing to the debtor;	8° accepter et régler toutes les dettes dues au débiteur ;
9° gukora gahunda no kugaragaza uburyo bwo kuzahura ibikorwa by'ubucuruzi by'ugomba kwishyura ;	9° design a program and identify procedures for reviving business activities of the debtor;	9° élaborer les programmes et proposer les voies de redressement des activités commerciales du débiteur;
10° gutumiza no kuyobora inama z'ababerewemo imyenda;	10° convene and chair creditors' meetings;	10° convoquer et diriger les réunions des créanciers;
11° gukora ibindi byose yasabwa n'urukiko.	11° perform any other assignment as may be required by the Court.	11° exécuter toute autre tâche lui donnée par la juridiction.

Ingingo ya 8: Inshingano yo gutanga amakuru no gufatanya bisabwa ugomba kwishyura

Ugomba kwishyura asabwa gutanga amakuru arebana n'ikurikirana ry'igihombo, haba mu rukiko, ku mucungamutungo, ndetse no kuri komite y'ababerewemo imyenda kandi niba ariko bitegetswe n'urukiko, atanga amakuru mu nama y'ababerewemo imyenda. Ugomba kwishyura agomba gufatanya n'umucungamutungo mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano ze.

Article 8: Obligation to provide information and to collaborate as required from the debtor

The debtor is required to provide information relating to insolvency, whether in court, administrator as well as to the creditors' committee and in case decided by the Court, shall provide the information to the creditors' meeting. The debtor is required to collaborate with the administrator in execution of his/ her responsibilities.

Article 8: Obligation de donner des informations et de coopérer de la part du débiteur

Le débiteur est tenu de donner toutes les informations relatives à la procédure d'insolvabilité, à l'intention de la juridiction d'insolvabilité, de l'administrateur d'insolvabilité, du comité des créanciers et s'il en est ainsi ordonné par la juridiction compétente, il donne des informations à l'assemblée des créanciers. Le débiteur doit coopérer avec l'administrateur d'insolvabilité dans

l'accomplissement de ses obligations.

Ingingo ya 9: Uburyozwe bw'umucungamutungo

Umucungamutungo ariyozwa ibyangiritse mu gihe aba yarenze ku bw'amakosa ku nshingano ze.

Article 9: Liability of the administrator

The administrator shall be held liable for damages caused by wrongful acts he/she committed during the implementation of his/her duties.

Article 9 : Responsabilité de l'administrateur d'insolvabilité

L'administrateur d'insolvabilité est tenu responsable de tout dommage qu'il a causé s'il a outrepassé de manière grossière les fonctions lui reconnues.

Ingingo ya 10: Ihembwa ry'umucungamutungo

Umucungamutungo ahembwa kubera imirimo yakoze, ndetse no kwishyurwa amafaranga yaba yakoresheje. Igihembo kibarwa hashingiwe ku gaciro k'ibintu birebwa n'uburyo bw'ikurikirana bw'icyo gihombo.

Article 10: Remuneration of the administrator

The administrator shall be remunerated due to his/her performance, and shall be reimbursed for the expenses incurred. The remuneration shall be calculated on the basis of the value of the assets involved and the insolvency proceedings.

Article 10: Rémunération de l'administrateur d'insolvabilité

L'administrateur d'insolvabilité a droit à la rémunération en contrepartie de l'exécution de ses fonctions, ainsi qu'au remboursement des frais engagés. Une telle rémunération est calculée par référence à la valeur des biens concernés par la procédure d'insolvabilité.

Iyo umutungo w'ugomba kwishyura udashoboye kuvamo amafaranga yakoreshejwe n'umucungamutungo mu ikurikirana ry'igihombo uwo mwenda ubazwa Leta.

If the value of assets of the debtor is less than the expenses the administrator incurred during the insolvency proceedings, the claim shall be directed against the Government.

Lorsque le patrimoine du débiteur est insuffisant pour couvrir les frais engagés par l'administrateur d'insolvabilité dans la procédure d'insolvabilité, cette dette est à la charge de l'Etat.

Urukiko rugena hakoreshejwe icyemezo, igihembo cy'umucungamutungo ndetse n'ibyo yakoresheje agomba kwishyurwa. Icyo cyemezo kimenyeshwa umucungamutungo ubwe, ugomba kwishyura hamwe na Komite y'ababerebemo imyenda.

The Court shall, by means of an order, determine the remuneration of the administrator as well as the expenses he/she has to be reimbursed. The administrator, the debtor and the creditors' committee shall be notified of such an order.

La juridiction d'insolvabilité décide par ordonnance la rémunération de l'administrateur d'insolvabilité ainsi que les dépenses devant lui être remboursées. Une telle ordonnance est notifiée individuellement à l'administrateur, au débiteur ainsi qu'au comité des créanciers.

Umucungamutungo, ugomba kwishyura, ndetse n'uberebemo umwenda bashobora guhita bajuririra icyo cyemezo.

The administrator, the debtor and any creditor may immediately appeal against such an order.

L'administrateur, le débiteur ainsi que tout créancier peuvent interjeter appel immédiat contre cette ordonnance.

Umwanditsi Mukuru ushinze iyandika ry'ibikorwa by'ubucuruzi agena ku buryo bw'amabwiriza ibindi

The Registrar General of business activities shall, through instructions, determine other conditions for

Le Registraire Général chargé des activités commerciales détermine par voie d'instructions les

bikurikizwa mu kugena igihembo cy'umucungamutungo.	determination of the remuneration of the administrator.	autres critères de fixation de rémunération de l'administrateur d'insolvabilité.
<u>Ingingo ya 11:</u> Raporo y'ibikorwa by'umucungamutungo	<u>Article 11:</u> Report of administrator's activities	<u>Article 11:</u> Rapport d'activités de l'administrateur d'insolvabilité
Umucungamutungo iyo arangije imirimo ye, atanga raporo mu nama y'ababerewemo imyenda.	The administrator shall submit a report of his/her activities to the creditor's meeting after completion of his/her duties.	Au terme de ses fonctions, l'administrateur d'insolvabilité procède à la reddition de comptes à la réunion des créanciers.
Inama y'ababerewemo imyenda ishobora gusaba umucungamutungo raporo y'agateganyo ku ikurikiranwa ry'igihombo.	The creditor's meeting may demand a provisional report from the administrator on the insolvency proceedings.	L'assemblée des créanciers peut demander à l'administrateur le rapport provisoire sur la procédure d'insolvabilité.
Mbere yo gutanga raporo mu nama y'ababerewemo umwenda, urukiko rubanza gusuzuma raporo y'icungamutungo. Urukiko rubanza kugira icyo ruyivugaho rwibanda cyane cyane ku micungire y'umutungo no ku nyandiko zisobanura imikoreshereze yawo.	Before submitting the report to the creditors' meeting, the Court shall first examine the report on the management of property. The Court shall first provide its comments especially on management of property and the documents related thereto.	Avant la soumission du rapport à l'assemblée des créanciers, la juridiction d'insolvabilité examine d'abord le rapport des activités de gestion. La juridiction statue d'abord sur le rapport en se basant surtout sur la gestion du patrimoine et sur les documents attestant son utilisation.
Urukiko rusaba Komite y'ababerewemo imyenda kugira icyo iyivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).	The Court shall require the creditors' committee to provide its comments in a period not exceeding fifteen (15) days.	La juridiction demande au comité des créanciers de donner son avis sur le rapport dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours.
Inama rusange y'ababerewemo imyenda iterana mu minsi irindwi ikagezwaho raporo y'umucungamutungo.	The General Assembly of the creditors shall be held in seven (7) days in order to receive the administrator's report.	L'assemblée générale des créanciers se réunit dans sept (7) jours pour entendre le rapport de l'administrateur d'insolvabilité.
<u>Ingingo ya 12:</u> Ihagarikwa cyangwa ivanwaho ry'umucungamutungo	<u>Article 12:</u> Suspension or dismissal of administrator	<u>Article 12:</u> Suspension ou révocation de l'administrateur d'insolvabilité
Urukiko rushobora, rubisabwe n'Umwanditsi Mukuru, kuvanaho cyangwa guhagarika umucungamutungo iyo:	The Court may, upon request by the Registrar General, dismiss or suspend the administrator if:	La juridiction peut, à la demande du Registrare Général, suspendre ou révoquer l'administrateur d'insolvabilité lorsque :
1° byagaragaye ko yakoze ikosa rihanwa	1° it is evident that he/she has committed a criminal	1° il est constaté qu'il a commis une infraction;

n'amategeko mpanabyaha;

offence;

2° bigaragaye ko atubahirije ibisabwa cyangwa ingingo ntarengwa igenga uburenganzira bwo gukora imirimo y'umucungamutungo;

2° it is evident that he/she does not respect the conditions required or any restrictive provision governing the performance of duties of the administrator;

2° il est constaté qu'il n'a pas respecté les conditions ou les restrictions auxquelles est subordonné le droit d'exercer les fonctions d'administrateur;

3° umucungamutungo abisabye ku bushake bwe.

3° he/she so applies for it at his/her initiative.

3° il en fait la demande à son initiative.

Ingingo ya 13: Irangira ry'akazi k'umucungamutungo

Article 13: Completion of duties of the administrator

Article 13: Fin des fonctions de l'administrateur d'insolvabilité

Iyo umucungamutungo arangije imirimo ye, asaba urukiko kumuvaniraho inshingano.

When an administrator has completed his/her duties, he/she shall request the Court to relieve his/her duties.

Lorsqu'un administrateur d'insolvabilité s'est acquitté de ses obligations, il sollicite une décharge de la juridiction.

Umucungamutungo iyo asimbuwe n'undi, afite uburenganzira bwo kuvanirwaho inshingano ze. Ashyikiriza raporo ye abagenzuzi ndetse n'urukiko ku birebana n'umutungo wose yakiriye. Ugomba kwishyura, uberewemo umwenda n'undi wese ubifitemo inyungu bahabwa igihe cy'amezi atatu (3) kugira ngo bagire icyo babaza ku micungire ye.

An administrator when replaced by another administrator is entitled to be discharged of his/her duties. He shall submit his/her report to the inspectors and to the Court with regard to all assets received. The debtor, any creditor and any other interested third party are entitled to a period of three (3) months in order to raise any issue relating to his/her management.

Lorsqu'un administrateur d'insolvabilité est remplacé par un autre, il a droit à la décharge. Il remet son rapport aux inspecteurs et à la juridiction en ce qui concerne tout bien ayant passé entre ses mains. Le débiteur, tout créancier et toute autre personne intéressée disposent d'un délai de trois (3) mois pour demander tout éclaircissement sur son administration.

Iyo urukiko rwemeje raporo y'imicungire y'umucungamutungo, ibirego rwashyikirijwe byose byararangijwe, kwishyura imyenda yose byarakozwe mu buryo bushoboka, umurimo w'umucungamutungo ufatwa nk'aho urangiye.

When the Court approves the administrator's report on management, all objections received that have been settled and all debts were disposed of in any possible manner, the duty of an administrator is considered to have been fully administered.

Lorsque le rapport d'un administrateur d'insolvabilité est approuvé par la juridiction d'insolvabilité, que toutes les objections ont été tranchées et que toutes les dettes ont été payées dans la mesure du possible, la fonction de l'administrateur d'insolvabilité est réputée terminée.

Ingingo ya 14: Ishyirwaho rya komite y'ababerewemo imyenda

Article 14: Establishment of the creditors' committee

Article 14: Désignation du Comité des créanciers

Komite y'ababerewemo imyenda ishyirwaho n'inama ya mbere y'ababerewemo imyenda. Iyo iyo

The first creditors' meeting shall establish a creditors' committee. In case the committee is

Le Comité des créanciers est désigné par la première assemblée des créanciers. Lorsque ce comité est

komite yashyizweho n'urukiko yemezwa n'iyona.	established by the Court, it shall be approved by that meeting.	désigné par la juridiction d'insolvabilité, il est approuvé par ladite assemblée.
Komite y'ababerewemo imyenda ihagararira ababerewemo imyenda bese. Iyo komite igomba kubamo uhagarariye abakozi b'ugomba kwishyura.	The creditors' committee shall represent all creditors. The committee shall include a representative of the debtor's employees.	Le Comité des créanciers représente tous les créanciers. Le comité doit inclure le représentant des employés du débiteur.
Abantu batari mu rwego rw'ababerewemo imyenda bashobora nabo gushyirwa mu bagize Komite y'ababerewemo imyenda.	Persons not holding the status of creditors may also be appointed as members of the creditors' committee.	Les personnes n'ayant pas de statut de créanciers peuvent également être nommées comme membres du comité des créanciers.
Inama y'ababerewemo imyenda ishobora gutora ivanwaho ry'uwashyizweho n'urukiko cyangwa kongera umubare w'abagize komite y'ababerewemo imyenda.	The creditors' meeting may decide on the dismissal of the person appointed by the Court or to increase the number of the members of the creditor's committee.	L'assemblée des créanciers peut voter la révocation d'un membre désigné par la juridiction d'insolvabilité ou augmenter le nombre des membres du Comité des créanciers.
Urukiko rushobora kuvanaho ugize komite y'ababerewemo imyenda kubera impamvu ikomeye.	The Court may dismiss a member of the creditors' committee due to a serious reason.	La juridiction d'insolvabilité peut révoquer un membre du Comité des créanciers pour un motif grave.
<u>Ingingo ya 15: Inshingano n'uburenganzira bya Komite y'ababerewemo imyenda</u>	<u>Article 15: Duties and rights of creditors' committee</u>	<u>Article 15: Obligations et droits du Comité des créanciers</u>
Abagize komite y'ababerewemo imyenda:	The members of the creditors' committee shall:	Les membres du comité des créanciers :
1° bagomba gufasha no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo;	1° support and monitor the execution of the administrator's duties;	1° doivent appuyer et superviser l'exécution des obligations de l'administrateur d'insolvabilité ;
2° bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru yose ku migendekere y'ibikorwa bigamije inyungu z'umutungo rusange, babisabye umucungamutungo ;	2° have the right to obtain information on the progress of activities of the general assets after applying to the administrator;	2° ont le droit d'obtenir toute information sur le progrès des activités en rapport avec leur patrimoine commun, s'ils en font la demande à l'administrateur d'insolvabilité;
3° bagira uruhare mu gutegura gahunda yo kuzahura ibikorwa iyo bishoboka;	3° participate in the development of the reorganization plan, if applicable;	3° participent à l'élaboration du plan de redressement, si possible.
Abagize Komite y'ababerewemo imyenda baryozwa	The members of the creditors' committee shall be	Les membres du Comité des créanciers sont tenus

ibyo bangirije ababerewemo imyenda mu gihe bari mu mirimo yabo. icyemezo cyabo kigira agaciro ku bwiganze bw'amajwi y'abatora. Abagize komite y'ababerewemo imyenda bahembwa nk'ingurane hakurikijwe imirimo yakozwe.

held liable for damages inflicted to creditors while they were on their duties. A decision of the creditors' committee shall be valid if the majority vote of the members is obtained. Members of the creditors' committee shall be entitled to compensation on the basis of duties performed.

responsables des dommages causés aux créanciers dans l'exercice de leurs fonctions. Les membres du comité des créanciers ont droit à une compensation en contrepartie de l'exercice de leurs fonctions.

UMUTWE WA II : ITANGIZWA RY'UBURYO BW'IKURIKIRANA BWEREKEYE IGIHOMBO

CHAPTER II: COMMENCEMENT OF INSOLVENCY PROCEEDINGS

CHAPITRE II : OUVERTURE DE LA PROCEDURE D'INSOLVABILITE

Ingingo ya 16: Gusaba itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana bwerekeye igihombo

Article 16: Application for commencement of insolvency proceedings

Article 16: Demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité

Uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo butangizwa buregewe gusa. icyo kirego gishobora gutangwa n'aba bakurikira :

Insolvency proceedings shall be commenced on application only. The application may be filed by the following persons:

La procédure d'insolvabilité n'est ouverte que par requête. Cette requête peut être introduite par les personnes suivantes :

- 1° ababerewemo imyenda;
- 2° ugomba kwishyura;
- 3° abagize inama y'ubutegetsi cyangwa umwe muri bo;
- 4° Umwanditsi Mukuru.

- 1° creditors;
- 2° debtor;
- 3° members of the Board of Directors or one of them;
- 4° Registrar General.

- 1° les créanciers ;
- 2° le débiteur ;
- 3° les membres ou l'un des membres du Conseil d'Administration ;
- 4° le Registrare Général.

Isaba ry'uberewemo umwenda ryakirwa iyo ubisaba agaragaje inyungu abifitemo, kandi iyo yerekanye umwenda ndetse n'impamvu ituma uburyo bw'ikurikirana ryerekeye igihombo bwagombye gutangizwa.

A creditor's application shall be admissible if he/she has an interest and if he/she shows his/her claim as well as the reason why insolvency proceedings should be commenced.

La demande d'un créancier n'est recevable que s'il justifie d'un intérêt et qu'il démontre sa créance ainsi que la raison pour laquelle la procédure d'insolvabilité devrait être ouverte.

Ingingo ya 17: Impamvu z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo

Article 17: Grounds for insolvency proceedings

Article 17 : Raisons d'ouverture d'une procédure d'insolvabilité

Itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo mu gikorwa cy'ubucuruzi rigomba gushingira ku mpamvu zikurikira:

Commencement for business insolvency proceedings shall base on the following reasons:

L'ouverture de la procédure d'insolvabilité d'une activité commerciale doit se baser sur les raisons suivantes :

- | | | |
|--|--|--|
| 1° iyo ugomba kwishyura adashobora kwishyura imyenda yagejeje igihe; | 1° if the debtor is unable to pay the debts that are due; | 1° lorsque le débiteur n'est pas en mesure de payer les dettes échues ; |
| 2° iyo bigaragaye ko ugomba kwishyura adafite ubushobozi bwo kuzishyura ku itariki yagenwe; | 2° if the debtor does not have the capacity to pay on the fixed date; | 2° lorsqu'il est constaté que le débiteur n'est pas capable de payer ses dettes à la date fixée ; |
| 3° iyo ugomba kwishyura afite imyenda irenze agaciro k'umutungo kandi akaba adashobora kuyishyurira igihe. | 3° where the debtor is overindebted and is not in the position to pay the debts at the due date. | 3° lorsque le débiteur est surendetté et qu'il n'est pas à mesure de payer ses dettes à la date due. |

Urukiko ntirwakira ikirego cyose kijyanye n'itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo iyo ibintu by'ugomba kwishyura bigaragara ko bidahagije kugira ngo byishyure amafaranga azakoreshwa mu ikurikirana ryerekeye igihombo.

The Court shall reject any claim related to commencement of the insolvency proceedings if it is clear that the assets of the debtor are insufficient to clear the expenses to be incurred in the insolvency proceedings.

La juridiction d'insolvabilité ne reçoit pas toute demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité si le patrimoine du débiteur se révèle insuffisant pour couvrir les frais de la procédure.

Ingingo ya 18: Ibyemezo by'urukiko by'agateganyo

Article 18: Provisional Court Orders

Article 18: Décisions judiciaires provisoires

Urukiko rukurikirana igihombo rufata ingamba zigaragara ko ari ngombwa kugira ngo harindwe imari y'ugomba kwishyura cyangwa iy'ababerewemo imyenda kugira ngo itangirika, kugeza igihe urukiko rukurikirana igihombo rubifasheho icyemezo.

The Court shall take all measures necessary in order to avoid any detriment to the financial status of the debtor or the creditors until it decides on the application.

La juridiction d'insolvabilité prend toutes les mesures nécessaires pour éviter une détérioration de la situation financière du débiteur ou des créanciers, jusqu'à ce qu'elle ait statué sur la demande.

By'umwihariko urukiko rushobora:

In particular, the Court may:

En particulier, la juridiction peut :

- 1° gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo;
- 2° gutegeka ugomba kwishyura kutagira ihererekanya mu gihe kigenwe n'urukiko cyangwa ko iryo hererekanya riramutse rikozwe rigomba kuba ryemejwe n'umucungamutungo.

- 1° designate a temporary administrator;
- 2° impose a general prohibition on transfers to the debtor in a period determined by the Court or in case such a transfer is conducted, it shall be admitted by an administrator.

- 1° désigner un administrateur provisoire d'insolvabilité;
- 2° ordonner au débiteur une interdiction de cession dans un délai prévu par la juridiction ou que, une fois la cession opérée, elle soit subordonnée à l'accord de l'administrateur d'insolvabilité.

Ingingo ya 19: Uburenganzira n'ububasha by'umucungamutungo w'agateganyo

Umucungamutungo w'agateganyo afite uburenganzira n'ububasha byo gucunga no guhererekanya umutungo w'ugomba kwishyura. Ashinzwe ibi bikurikira :

- 1° guteganya ifatirwa n'ibikwa ry'ibintu by'ugomba kwishyura;
- 2° gukurikirana ibikorwa by'ugomba kwishyura kugira ngo habungabungwe umutungo w'ugomba kwishyura kugeza igihe urukiko rwemereje itangira ry'ikurikirana ry'igihombo;
- 3° kugenzura niba ibintu by'ugomba kwishyura bizashobora kwishyura ibizakoresheka byose mu ikurikirana ry'igihombo ;
- 4° gusuzumira urukiko niba ibikorwa by'ugomba kwishyura bigomba kugurishwa cyangwa hari icyizere cy'uko bizakomeza;
- 5° gufata inguzanyo, gutanga ingwate ku mutungo w'ugomba kwishyura no gukora amasezerano abyemerewe n'urukiko.

Ingingo ya 20: Itangazwa ry'icyemezo cy'agateganyo

Icyemezo cy'agateganyo cy'urukiko kigomba kumenyeshwa ugomba kwishyura, umuntu wese ufite inshingano cyangwa umwenda w'ugomba kwishyura n'umucungamutungo. Icyo cyemezo cy'agateganyo kimenyeshwa Umwanditsi Mukuru.

Article 19: Rights and powers of the temporary administrator

A temporary administrator has the rights and powers to manage and transfer the debtor's property. He/she is responsible for:

- 1° envisaging the sequestration and preservation of the debtor's property;
- 2° monitoring the activities of the debtor in order to preserve his/her property until the Court confirms the day of commencement of the insolvency proceedings;
- 3° verifying whether the debtor's property will cover the costs of the expenses to be incurred in insolvency proceedings;
- 4° examining for the Court whether the activities of the debtor shall be sold off or if there is any hope of their continuity;
- 5° applying for loans, offering security on the debtor's property and concluding contracts upon approval by the Court.

Article 20: Publication of a provisional decision

A provisional Court decision shall be notified to the debtor, to any person who has the obligation to pay to the debtor and to the administrator. The provisional Order shall also be notified to the Registrar General.

Article 19: Droits et pouvoirs de l'administrateur provisoire d'insolvabilité

L'administrateur provisoire d'insolvabilité a le droit et les pouvoirs de gérer et de céder les biens du débiteur. Il est chargé de :

- 1° envisager la saisie et la conservation des biens du débiteur ;
- 2° poursuivre les activités du débiteur en vue de la conservation de ses biens jusqu'à ce que la juridiction d'insolvabilité décide de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité ;
- 3° vérifier si les biens du débiteur couvrent les coûts de la procédure d'insolvabilité;
- 4° évaluer à la place de la juridiction si les activités du débiteur doivent être vendues ou s'il existe des perspectives pour leur poursuite ;
- 5° solliciter des prêts, donner en garantie le patrimoine du débiteur et conclure des contrats sur autorisation de la juridiction.

Article 20: Publicité de la mesure conservatoire

La mesure conservatoire de la juridiction doit être notifiée au débiteur, à toute personne ayant une obligation ou une dette envers le débiteur et à l'administrateur d'insolvabilité. Cette mesure conservatoire est notifiée au Registraire Général.

Iyo icyemezo ari ikijyanye n'iby'ubutaka, icyemezo kimenyeshwa Umubitsi w'Impapuro mpamo z'Ubutaka.	In case the Order is related to land, it shall be notified to the Registrar of authentic land titles.	Lorsque la mesure conservatoire est en rapport avec les matières foncières, elle est notifiée au Conservateur des titres fonciers.
Icyemezo gihagarika ihererekanya ry'irage n'izungura uretse amafaranga akoreshwa mu gushyingura ugomba kwishyura wapfuye.	The Order shall suspend the transfer of will and succession except the amount used in burying the deceased debtor.	La mesure conservatoire suspend le transfert d'héritage et de succession à l'exception des frais engagés pour les funérailles d'un débiteur décédé.
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibikubiye mu cyemezo cy'Urukiko cy'itangiza ry'ikurikirana ryerekeye igihombo	<u>Article 21:</u> Contents of the Court Order commencing insolvency proceedings	<u>Article 21:</u> Contenu de la décision judiciaire déclenchant la procédure d'insolvabilité
Icyemezo cy'urukiko kigaragaza ibikurikira:	The Court Order shall specify the following:	La décision judiciaire doit indiquer les points suivants :
1° izina ry'ubucuruzi, n'aho ibikorwa bibarizwa;	1° the business name and the place of the commercial establishment;	1° la dénomination sociale et l'adresse des activités;
2° izina na aderesi by'umucungamutungo ;	2° the name and address of the administrator;	2° le nom et l'adresse de l'administrateur d'insolvabilité;
3° isaha n'italiki ikurikirana ryatangiriyeho.	3° the hour and date when the insolvency proceedings were commenced.	3° l'heure et la date à laquelle la procédure d'insolvabilité a commencé.
Icyo cyemezo cy'urukiko gitegeka kandi ko :	The Court decision shall also order that:	En outre, cette décision judiciaire ordonne que :
1° ababerewemo imyenda bagomba kwandikisha imyenda yabo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uherye mu by'umweru bibiri bikurikira icyemezo cy'urukiko;	1° the creditors shall register their debts in a period not exceeding three (3) months from the period of two (2) weeks following the the Court Order;	1° les créanciers doivent faire enregistrer leurs créances dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois à partir de deux semaines qui suivent la décision judiciaire ;
2° ababerewemo umwenda bagomba kandi guhita bamenyesha umucungamutungo imyihariko bafite ku mutungo w'ugomba kwishyura n'umwenda yatangiweho. Iyo hari uwibeshye cyangwa uwakererewe yirengera ingaruka zabyo;	2° the creditors also shall immediately notify the administrator of their particularities on the debtor's property and the concerned debt. In case any person commits any error or lateness, he/she shall be liable for it.	2° les créanciers doivent en outre communiquer immédiatement à l'administrateur d'insolvabilité leurs intérêts particuliers sur le patrimoine du débiteur et la créance dont il est question. En cas d'erreur ou retard, le créancier responsable supporte les conséquences qui en résultent ;

3° abafitiye imyenda ugomba kwishyura, bagomba kwishyura umucungamutungo.

3° the debtor's creditors are required to pay the administrator.

3° les débiteurs dudit débiteur doivent payer l'administrateur d'insolvabilité.

Ingingo ya 22: Gahunda y'inama y'ababerewemo imyenda

Article 22: Scheduling of creditors meetings

Article 22: Programme de réunions des créanciers

Urukiko rushyiraho gahunda y'inama zikurikira:

The Court shall set up a schedule for the following meetings:

La juridiction d'insolvabilité programme les réunions suivantes :

1° inama rusange y'ababerewemo imyenda yemeza ko habaho ikurikirana ry'igihombo ishingiyeye kuri raporo y'umucungamutungo. Iyo nama igomba guteganywa mu byumweru bitandatu (6) kandi ntishobora guteganywa nyuma y'igihe kirenze amezi atatu (3);

1° the creditors' general assembly deciding on the insolvency proceedings based on the administrator's report; such assembly shall be scheduled within six weeks and must not be scheduled more than three months later;

1° l'assemblée générale des créanciers décidant de la procédure d'insolvabilité sur base du rapport de l'administrateur d'insolvabilité ; cette réunion doit être programmée dans les six (6) semaines et ne peut pas être programmée au-delà de trois (3) mois.

2° inama rusange y'ababerewemo imyenda igomba gusuzuma imyenda yamenyekanishijwe. Iyo nama iterana mu gihe cy'amezi abiri (2) kiri hagati y'irangira ry'igihe cyo kwandikisha imyenda n'igihe cy'inama yo kuyisuzuma.

2° the creditors' general assembly verifying the filed claims. The meeting shall be held in a period not exceeding two (2) months within the period of expiry of the period for filing claims and the verification meeting.

2° l'assemblée générale des créanciers qui doit vérifier les créances enregistrées. Cette réunion se tient dans une période de deux (2) mois entre l'expiration de la période d'enregistrement des créances et celle de la tenue de la réunion de vérification.

Inama zishobora kubera igihe kimwe.

The meetings may coincide.

Les réunions peuvent coïncider.

Ingingo ya 23: Itangazwa ry'icyemezo cy'urukiko gitangiza ikurikirana ryerekeye igihombo

Article 23: Publication of the Court Order commencing insolvency proceedings

Article 23: Publicité de la décision judiciaire portant ouverture de la procédure d'insolvabilité

Icyemezo cy'urukiko kiratangazwa.

The Court Order shall be published.

La décision judiciaire doit être publiée.

Ababerewemo imyenda n'ugomba kwishyura bagezwaho icyo cyemezo buri wese ukwe.

The Order shall be served individually on the creditors and debtors

La décision judiciaire est signifiée individuellement aux créanciers et au débiteur.

Ingingo ya 24: Imenyeshwa rigenewe Umwanditsi Mukuru n'Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka ry'ibiri mu bitabo

Umwanditsi w'urukiko ashyikiriza Umwanditsi Mukuru:

1° kopi y'icyemezo cy'urukiko gitangiza ikurikirana mu gihe habayeho igihombo;

2° kopi y'icyemezo cy'urukiko cyanga itangiza ry'ikurikirana ry'igihombo.

Umwanditsi w'urukiko ashyikiriza kandi Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka kopi y'icyemezo gitangiza mu gihe mu mutungo uzavaho ubwishyu harimo n'umutungo utimukanwa.

Ingingo ya 25: Kujurira

Mu gihe icyemezo cy'urukiko cyajuririwe kivanyweho ibyakoze n'umucungamutungo mu ikurikirana ry'igihombo ntibihinduka.

Ingingo ya 26: Umutungo washyizwe mu ikurikirana ryerekeye igihombo

Ikurikirana mu gihe habayeho igihombo rireba ibintu byose by'ugomba kwishyura ku itariki y'itangira ry'ikurikirana ndetse n'ibyo yabonye mu gihe cy'ikurikirana.

Ibintu bidashobora gutangwaho ubwishyu cyangwa ibintu byo mu rugo bisanzwe bikorehwa buri gihe, ntibibarwa mu bintu birebwa n'ikurikirana mu gihe habaye igihombo.

Article 24: Notification of the records to the Registrar General and the Registrar of Authentic Land Titles

The Court Registrar shall submit to the Registrar General:

1° a copy of the Order commencing the insolvency proceedings;

2° a copy of the Court Order refusing to commence insolvency proceedings;

The Court registrar shall also submit to the Registrar of Authentic Land Titles a copy of an Order commencing the insolvency proceedings in case the real estate includes immovable property.

Article 25: Appeal

In case the court order appealed against is dissolved, the actions of the administrator shall not be subject to change.

Article 26: Assets involved in the insolvency proceedings

The insolvency proceedings shall involve all of the assets owned by the debtor on the date when the proceedings were commenced and those acquired by him/her during the proceedings.

Objects that can not be considered as guarantee or the debtor's usual household property shall not form part of the assets involved in the insolvency proceedings.

Article 24: Notification des données enregistrées au Registraire Général et au Conservateur des titres fonciers

Le Greffier de la juridiction d'insolvabilité transmet au Registraire Général:

1° une copie de la décision judiciaire portant ouverture de la procédure d'insolvabilité;

2° une copie de la décision judiciaire rejetant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

En outre, le greffier de la juridiction d'insolvabilité remet au Conservateur des titres fonciers une copie de la décision portant ouverture de la procédure de l'insolvabilité si la masse d'insolvabilité comprend les biens immeubles.

Article 25: Appel

Lorsque la décision judiciaire est infirmée, les actes posés par l'administrateur d'insolvabilité restent inchangés.

Article 26: Patrimoine placé dans la procédure d'insolvabilité

La procédure d'insolvabilité englobe tout le patrimoine appartenant au débiteur à la date d'ouverture de la procédure ainsi que celui qu'il a acquis en cours de procédure.

Les objets non susceptibles d'être offerts en paiement ou les effets ordinaires du ménage ne font pas partie du patrimoine qui fait objet de la procédure d'insolvabilité.

Ingingo ya 27: Kugaragaza ibimenyetso by'imyenda

Article 27: Proof of claims

Article 27: Preuves de créances

Uberewemo umwenda wese agomba kugaragaza ikimenyetso cy'umwenda we, kandi uberewemo umwenda udashobora kugaragaza ikimenyetso cy'umwenda we nta burenganzira afite bwo kugira uruhare mu iyishyurwa rishobora gukorwa.

Every creditor shall prove his/her claim, and a creditor who does not prove his/her claim is not entitled to share in any distribution that may be made.

Tout créancier doit fournir la preuve de sa créance et un créancier qui ne prouve pas sa créance n'est pas autorisé à prendre part au partage qui peut être fait.

Iyishyura ritangirwa ikimenyetso hashyikirizwa ku mucungamutungo ikimenyetso cy'umwenda mu buryo busabwa.

A claim shall be proved by delivering to the administrator a proof of claim in the prescribed form.

Une créance est prouvée par la délivrance à l'administrateur d'insolvabilité d'une preuve de la créance dans la forme requise.

Ikimenyetso cy'iyishyura gitangwa n'uberewemo umwenda ubwe cyangwa umuntu yahaye uburenganzira bwo gukora mu izina rye, kandi iyo gitanze n'umuntu wahawe uburenganzira muri ubwo buryo, uburenganzira bwe n'ibimenyetso azi bigomba kugaragazwa.

The proof of claim may be made by the creditor him/herself or by a person authorised by him/her to act on his/her behalf, and, if made by a person so authorised, it shall state his/her authority and means of knowledge.

La preuve de la créance est faite par le créancier lui-même ou par une personne qu'il a autorisée à agir en son nom, et, si elle est produite par une personne autorisée de la sorte, son autorisation ainsi que ses propres informations doivent être présentées.

Ikimenyetso cy'iyishyura kigaragaza niba uberewemo umwenda afite cyangwa se adafite ingwate.

The proof of claim shall state whether the creditor is or is not a secured or preferred creditor.

La preuve de la créance établit si le créancier est ou non un créancier avec une garantie.

Iyo uberewemo umwenda ufite ingwate agurishije ingwate ye, agomba kugaragaza umwenda usigaye agomba kwishyurwa.

Where a secured creditor sells off his/her or her security, he/she may prove the remaining debt due to him.

Si un créancier garanti réalise sa sûreté, il doit déterminer le solde qui lui est dû.

Iyo uberewemo umwenda ahaye ingwate ye umucungamutungo mu nyungu rusange z'ababerewemo imyenda, agomba gutanga ikimenyetso cy'umwenda we wose.

Where a secured creditor surrenders his/her security to the administrator for the general benefit of the creditors, he/she may prove his/her whole claim.

Si un créancier garanti cède sa sûreté à l'administrateur d'insolvabilité au profit de la masse des créanciers, il doit prouver l'intégralité de sa créance.

Iyo uberewemo umwenda cyangwa undi muntu mu ikurikirana ryabaye hakurikijwe iri tegeko, yandikishije ku ntumwa ikimenyetso cy'umwenda

Where a creditor or other person in any proceedings under this law files with the trustee a proof of claim containing any willfully false statement or willful

Si un créancier ou une autre personne dans une procédure d'insolvabilité en vertu de la présente loi enregistre auprès du mandataire une preuve de la

gikubiyemo ibintu bitari byo cyangwa se kugoreka ku bushake ibyabaye, urukiko rushobora, mu bushishozi bwarwo, kandi hongera ku bindi bihano biteganywa n'iri tegeko, kutemera umwenda wose cyangwa igice, bitewe n'ibyo rubona ko bikwiriye.

Uberewemo umwenda wese watanze ikimenyetso cy'umwenda afite uburenganzira bwo kureba no gusuzuma ibimenyetso by'abandi baberewemo imyenda.

Ibimenyetso by'imyenda ku byerekeye imishahara y'abakozi ndetse n'abandi bantu bakoreshejwe n'ugomba kwishyura bishobora gukorwa igihe kimwe n'ugomba kwishyura cyangwa undi muntu ukora mu izina ry'ugomba kwishyura. Uhagarariye urugaga rw'abakozi n'abandi bantu bakorera ugomba kwishyura cyangwa urwego rushinzwe ibibazo by'umurimo bashyiraho umugereka w'urutonde rw'amazina na za aderesi z'abakozi n'abandi n'amafaranga bagomba kwishyurwa ku buryo butandukanye, ariko iki kimenyetso ntikigomba kubuza abakozi n'abandi bahembwa gutanga ikimenyetso ku giti cyabo.

Ingingo ya 28: Iyishyura ritarageza igihe

Umwenda utarageza igihe cyo kwishyurwa, mu gihe cy'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo ufatwa nk'aho wagejeje igihe cyo kwishyurwa.

Ingingo ya 29: Iyishyura ryagaragaye nyuma

Umwenda utahawe agaciro mu mafaranga n'indi myenda itaramenyekanishijwe ku gaciro kazwi yandikishwa ku gaciro k'ikigereranyo ku itariki

misrepresentation, the Court may, in addition to any other penalty provided in this Law, disallow the claim in whole or in part as the Court in its discretion may see fit.

Every creditor who has lodged a proof of claim is entitled to see and examine the proofs of other creditors.

Proofs of claims for wages of workers and other persons employed by the debtor may be made at the same time with the debtor or any person acting on behalf of the debtor. The representative of a trade union and other people employed by the debtor or any organ representing labour affairs shall set up an annex of a list of names and addresses of the workers and others and the amounts, separately due to them, but this proof does not disentitle workers and other wage-earners to file a separate proof on their own behalf.

Article 28: Immature claims

Immature claims shall be considered as mature at the time of the commencement of insolvency proceedings.

Article 29: Claims that arise at a later stage

Any claim which has not been evaluated in monetary value and any other claim whose value was not indicated on a known value shall be registered on an

créance contenant une fausse déclaration ou une distorsion volontaire des faits, la juridiction peut discrétionnairement, en sus des autres pénalités prévues par la présente loi, ne pas reconnaître la créance dans son intégralité ou une partie, selon ce qu'elle juge approprié.

Tout créancier qui a déposé une preuve de la créance est autorisé à voir et à examiner les preuves des autres créanciers.

Les preuves des créances pour les travailleurs et les autres personnes employées par le débiteur peuvent être formulées en même temps que le débiteur ou quelqu'un agissant pour le compte du débiteur. Le représentant d'un syndicat et les autres personnes travaillant pour le débiteur ou un organe représentant l'administration du travail doivent annexer à la réclamation une liste des noms et adresses des travailleurs et des autres et les sommes qui leur sont dues séparément, mais cette preuve ne doit pas empêcher les employés et les autres salariés de déposer une preuve séparée à leur propre compte.

Article 28: Réclamation anticipée

Une dette qui n'est pas à terme lors de l'annonce d'ouverture de la procédure d'insolvabilité est réputée échue.

Article 29: Réclamation postérieure

Toute créance qui n'a pas été évaluée en argent et les autres créances dont la valeur réelle n'a pas été

ikurikirana ry'igihombo ryatangiriyeho.

estimated value on the date of commencement of the insolvency proceedings.

spécifiée, sont inscrites en valeur approximative à la date de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

Imyenda yose ibarwa mu mafaranga y'amanyarwanda.

All claims shall be calculated in Rwandan francs.

Toutes les créances sont exprimées en francs rwandais.

Ingingo ya 30 : Imyenda ifite ingwate

Article 30: Secured claims

Article 30: Créances garanties

Uberewemo umwenda ufite ingwate ku kintu kiri mu mutungo uri mu gihombo ashobora gusaba ko agumana icyo kintu, icyo gihe ntazabarwa mu baberewemo imyenda.

A secured creditor with an asset involved in the insolvency proceedings may apply for retention of such an asset and shall not be considered among creditors.

Un créancier jouissant d'une garantie sur un bien placé dans la procédure d'insolvabilité peut demander la rétention de ce bien. Dans ce cas, il ne fait pas partie des créanciers.

Iyo ufite ingwate ateganya kureka iyo ngwate ashirwa ku rutonde rw'ababerewemo imyenda akishyurwa nk'abandi.

In case a secured creditor decides to surrender the security, he/she shall be included on the list of creditors and be paid like other creditors.

Lorsque le créancier garanti envisage d'abandonner la garantie, il est placé sur la liste des créanciers et reçoit le remboursement comme les autres.

Ingingo ya 31: Uburyo bukoreshwa mu kwishyura ababerewemo imyenda

Article 31: Modalities applied in paying creditors

Article 31: Modalités de remboursement des créanciers

Ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kwishyurwa mu bintu bitimukanwa bigomba kugurishwa, bagira uburenganzira bwo kwishyurwa ukwabo hakurikijwe itegeko ry'ingwate ku mutungo utimukanwa.

Creditors with a privilege from immovable property that are subject to sale shall be entitled to separate satisfaction under the provisions of the Law on mortgages.

Les créanciers ayant un droit au remboursement au moyen de réalisation des biens immobiliers, ont droit au remboursement séparé suivant les dispositions de la loi sur les hypothèques.

Ingingo ya 32: Ufite uburenganzira bwo kwishyurwa ku mutungo wimukanwa

Article 32: Creditor with the privilege to separate satisfaction by movable property

Article 32: Créancier ayant droit au désintéressement par des biens meubles

Ababerewemo imyenda bafite amasezerano y'ubugwate ku kintu cyimukanwa, bagira uburenganzira bwo kwishyurwa ukwabo ku birebana n'uwo mutungo watanzweho ingwate.

Creditors holding the security agreement on movable property shall be entitled to separate satisfaction in respect of the movable property.

Les créanciers ayant les contrats de garantie sur les biens meubles ont le droit au désintéressement séparé sur ces biens faisant objet de la garantie.

Ingingo ya 33: Abandi baberewemo imyenda bashobora kwishyura ku giti cyabo

Ababerewemo imyenda bashobora kwishyura ukwabo:

- 1° ababerewemo imyenda baba barahawe n’ugomba kwishyura ikintu kimukanwa cyangwa ubundi burenganzira nk’ingwate y’uwo mwenda;
- 2° ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kwanga ikintu kubera ibyo bagomba kugikoraho;
- 3° ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kugumana ikintu hakurikijwe amategeko ayo ariyo yose;
- 4° Leta ku bintu bigomba kwishyurirwa amahoro ya gasutamo.

Ingingo ya 34: Ababerewemo imyenda ikomoka ku mutungo washyizwe mu ikurikirana ryerekeye igihombo

Umutungo washyizwe mu ikurikirana ry’igihombo ukoreshwa kugira ngo hishyurwe, mbere y’igihe, ibyakoreshejwe bitewe n’iryo kurikirana n’indi myenda yose ifitanye isano nawo muri iryo kurikirana.

Ingingo ya 35: Indi myenda isanzwe yishyurwa ku mutungo wagenwe mu ikurikirana ry’igihombo

Imyenda ikurikira ifatwa nk’imyenda y’inyongera igomba kwishyurwa ku mutungo washyizwe mu

Article 33: Other creditors with a claim to separate satisfaction

Creditors who may claim for separate satisfaction:

- 1° creditors to whom the debtor has assigned a movable item or a right in order to secure a claim;
- 2° creditors with a right to reject an item in consideration of the improvement they have to make on it;
- 3° creditors with a right to retain an item under the provisions of any law;
- 4° the Government with regard to items subject to custom duties.

Article 34: Creditors of the assets involved in the insolvency proceedings

The assets involved in the insolvency proceedings shall be used to settle in advance the costs of the insolvency proceedings and the other debts incumbent on the assets involved in the insolvency proceedings.

Article 35: Other debts incumbent on the assets involved in the insolvency proceedings

The following claims shall be considered as supplementary incumbent on the assets involved

Article 33: Autres créanciers pouvant avoir droit au désintéressement séparé

Les créanciers pouvant avoir droit au désintéressement séparé:

- 1° les créanciers auxquels le débiteur a offert un bien meuble ou un droit en garantie de leur créance ;
- 2° les créanciers ayant un droit de refuser un bien en raison de l’amélioration à y apporter;
- 3° les créanciers ayant un droit de retenir un bien suivant les dispositions d’une loi donnée ;
- 4° l’Etat pour les biens soumis aux droits de douane.

Article 34: Créanciers des biens placés dans la procédure d'insolvabilité

Les biens mis dans la procédure d’insolvabilité sont utilisés pour régler à l’avance les dépenses engagées dans la procédure en question et les autres dettes attachées au patrimoine compris dans ladite procédure.

Article 35: Autres dettes grevant les biens impliqués dans la procédure d'insolvabilité

Les dettes suivantes seront jugées comme des dettes supplémentaires à déduire de tout patrimoine

ikurikirana ry'igihombo:

in the insolvency proceedings:

compris dans la procédure d'insolvabilité:

1° imyenda ikomoka ku mirimo y'umucungamutungo mu gihe cy'igihombo cyangwa se mu bundi buryo y'ubuyobozi, ugukoresha cyangwa ukugabanya ibintu byashyizwe mu ikurikirana mu gihe habayeho igihombo, bitabarirwa mu mafaranga yatanze kubera iryo kurikirana;

1° claims that arise from activities of the insolvency administrator or in another way by the management, disposition and distribution of the assets involved in the insolvency proceedings without belonging to the costs of the insolvency proceedings;

1° les dettes générées par les activités de l'administrateur d'insolvabilité ou d'une autre manière par la gestion, l'utilisation et le partage des biens mis dans la procédure d'insolvabilité, ne faisant pas partie des frais engagés par la procédure en question;

2° inshingano ikomoka ku masezerano impande zombi zagiranye yamenyekanishijwe ko yishyurwa hakoreshejwe umutungo washyizwe mu ikurikirana ry'igihombo cyangwa igomba kwishyurwa nyuma y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo ;

2° obligation under mutual contracts claimed to be performed to the credit of the assets involved in the insolvency proceedings or to be settled after the commencement of the insolvency proceedings;

2° l'obligation relevant des contrats mutuels déclarés avoir été exécutés au crédit des actifs impliqués dans la procédure d'insolvabilité ou avoir été honorés après ouverture de la procédure d'insolvabilité;

3° inshingano ikomoka ku kwishyura ibyo wari wabonye utagombaga kubona ibyo bintu birebwa n'ikurikirana ry'igihombo.

3° obligation due to restitution for unjust enrichment of the assets involved in the insolvency proceedings.

3° l'obligation occasionnée par la restitution pour cause d'enrichissement sans cause des actifs placés dans la procédure d'insolvabilité.

Inshingano zashyizweho n'umucungamutungo w'agateganyo ushinze igihombo, wari ufite uburenganzira bwo guhererekanya umutungo w'ugomba kwishyura nyuma y'itangira ry'ikurikirana zizafatwa nk'imyenda igomba kwishyurwa ku mutungo washyizwe mu ikurikirana ry'igihombo. Ibi kandi bikurikizwa ku myenda ikomoka ku inshingano zihoraho iyo umucungamutungo w'agateganyo ushinze igihombo yabonye ingurane y'ibintu bifatanywe isano n'ibyo acunga.

Obligations created by a temporary administrator in whom the right to transfer the debtor's property was vested after the commencement of the insolvency proceedings shall be deemed as debts incumbent on the assets involved in the insolvency proceedings. The same shall apply to obligations under a continuing obligation if the temporary administrator received the consideration to the credit of the assets administered by him/her.

Les obligations créées par un administrateur provisoire d'insolvabilité à qui était dévolu le droit de céder le patrimoine du débiteur après le commencement de la procédure d'insolvabilité sont considérées comme des dettes attachées aux actifs mis dans la procédure d'insolvabilité. Cette règle s'applique aux obligations d'un engagement permanent si l'administrateur provisoire d'insolvabilité a reçu la contrepartie du crédit en rapport avec les biens qu'il administre.

Ingingo ya 36: Ukutishyura imyenda isanzwe ituruka ku mutungo wagenwe mu ikurikirana ry' igihombo

Iyo umwenda ugomba kwishyurwa ku bintu byashyizwe mu ikurikirana ry' igihombo, ukaba ukomoka ku gikorwa cyemewe n'amategeko cy'umucungamutungo, udashobora kwishyurwa wose ku bintu byashyizwe mu ikurikirana ry' igihombo umucungamutungo abazwa ibyangijwe ku berewemo imyenda ugomba kwishyurwa ku bintu byashyizwe mu ikurikirana ry' igihombo.

Article 36: Non-performance of debts incumbent on the assets involved in the insolvency proceedings

If a debt incumbent on the assets involved in the insolvency proceedings created by a legal transaction of the administrator cannot be fully satisfied from the assets involved in the insolvency proceedings, the administrator shall be held liable to damages for the creditor with a claim to the assets involved in the insolvency proceedings.

Article 36: Non – acquittement des dettes grevant les biens impliqués dans la procédure d'insolvabilité

Si une dette liée aux biens impliqués dans la procédure d'insolvabilité est née d'un acte posé par l'administrateur d'insolvabilité, ne peut pas être payée sur les biens impliqués dans la procédure de l'insolvabilité, l'administrateur d'insolvabilité est tenu pour responsable des dommages envers le créancier ayant droit aux biens mis dans la procédure d'insolvabilité.

UMUTWE WA III: INGARUKA Z'ITANGIZWA RY'IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO

CHAPTER III: EFFECTS OF COMMENCEMENT OF INSOLVENCY PROCEEDINGS

CHAPITRE III: EFFETS DE L'OUVERTURE DE LA PROCEDURE D'INSOLVABILITE

Ingingo ya 37: Ingaruka rusange z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo

Article 37: General effects of commencement of insolvency proceedings

Article 37: Effets généraux d'ouverture de la procédure d'insolvabilité

Uhereye itariki y'itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo:

Upon the commencement of the insolvency proceedings:

Dès la date de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité :

1° gutangiza cyangwa gukomeza ibirego by'umuntu ubwe cyangwa uburyo bw'ikurikirana bureba ibintu by'ugomba kwishyura hamwe n'uburenganzira, inshingano cyangwa uburyozwe by'ugomba kwishyura biba bisubitswe;

1° commencement or continuation of individual actions or proceedings concerning the assets of the debtor and the rights, obligations or liabilities of the debtor are stayed;

1° l'ouverture ou la poursuite des actions individuelles ou des procédures concernant les biens du débiteur et les droits, obligations ou responsabilité du débiteur sont suspendues;

2° ibirego bigamije kugira ingwate ihame ku bandi bantu no kuyihesha agaciro birasubikwa;

2° actions to make security interests effective against third parties and to enforce security interests are stayed;

2° les actions pour rendre les sûretés effectives envers les tiers et pour faire valoir les sûretés sont suspendues ;

3° kurangiza imanza zirebana n'umutungo w'uberewemo umwenda biba bisubitswe;

3° execution of cases related to the assets of the creditor's estate is stayed;

3° l'exécution des jugements sur les biens du débiteur est suspendue;

4° uburenganzira bwo guhagarika amasezerano n'ugomba kwishyura buba busubitswe;	4° the right of a counterparty to terminate any contract with the debtor is suspended;	4° le droit du co-contractant de résilier un contrat avec le débiteur est suspendu;
5° uburenganzira bwo guhererekanya, gutangaho ingwate cyangwa bwo gukoresha umutungo w'ugomba kwishyura buba busubitswe.	5° the right to transfer, mortgage or otherwise dispose of any assets of the debtor is suspended.	5° Le droit de cession, grever ou de disposer autrement des actifs du patrimoine du débiteur est suspendu.
Ibivugwa muri iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bwo gutanga ibirego cyangwa ikurikirana ry'abantu ku giti cyabo hagamijwe kurengera umwenda ufitwe n'ugomba kwishyura.	Provisions of this Article shall not prejudice the right to file an application or prosecution of individuals for the purpose of realisation of protection of a debt possessed by the debtor.	Les dispositions du présent article n'affectent pas le droit d'engager des actions ou des procédures individuelles dans le but de sauvegarder la créance sur le débiteur.
Urukiko kandi rushobora gufata ikindi cyemezo kigamije koroshya ibyemezo byafashwe mu itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo.	The Court may also take an additional decision aimed at easing the measures taken during the commencement of insolvency proceedings.	La juridiction d'insolvabilité peut en outre prendre une autre mesure d'atténuation des mesures prises lors d'ouverture de la procédure d'insolvabilité.
<u>Ingingo ya 38:</u> Uburenganzira bwo gucunga no guhererekanya umutungo buhabwa umucungamutungo	<u>Article 38:</u> Right to manage and transfer the assets vested in the administrator	<u>Article 38:</u> Droit de gestion et de cession dévolu à l'administrateur d'insolvabilité
Igihe cy'itangizwa cy'ikurikirana ry'igihombo, uburenganzira bw'ugomba kwishyura bwo gucunga no guhererekanya ibintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo buhabwa umucungamutungo igihe habayeho igihombo.	Upon commencement of the insolvency proceedings, the debtor's right to manage and transfer of the assets involved in the insolvency proceedings shall be vested in the insolvency administrator.	A l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, le droit du débiteur de gérer et de céder les biens mis dans la procédure d'insolvabilité est dévolu à l'administrateur d'insolvabilité.
Umucungamutungo akurikirana ibirego bifite ingaruka ku mutungo uri mu bintu birebwa n'ikurikirana ry'igihombo bitarakemuka k'ugomba kwishyura, yaba ariwe urega cyangwa aregwa, kuva itariki ikurikirana ry'igihombo ryatangiriye.	The administrator shall make a follow up on the applications that have effects on assets involved in insolvency proceedings in regard to the debtor as a claimant or respondents, from the date of commencement of the insolvency proceedings.	L'Administrateur d'insolvabilité assure le suivi des actions pendantes engagées par ou contre le débiteur et affectant le patrimoine compris dans les biens concernés par la procédure d'insolvabilité à la date d'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

Ingingo ya 39: Kugaruza umutungo watanzwe n'ugomba kwishyura nyuma y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo

Mu gihe ugomba kwishyura atanze ikintu kiri mu bintu birebwa n'ikurikirana ry'igihombo ku itariki y'itangizwa ry'iryo kurikirana, itangwa rifatwa nk'aho ryakozwe binyuranyije n'amategeko kandi ibyo bintu bigomba kugaruzwa hamwe n'inyungu zabyo.

Ingingo ya 40: Iyishyurwa rikorewe ugomba kwishyura nyuma y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo

Iyo ugomba kwishyura yishyuye nyuma y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo, uwishyuye ntakurikiranwa iyo bigaragaye ko atamenye ko ikurikiranwa ry'igihombo ryatangiye. Afatwa nk'aho atari azi itangizwa ry'ikurikirana mu gihe yishyuye mbere y'itangazwa ry'icyemezo cy'urukiko.

Ingingo ya 41: Uburenganzira bw'ugomba kwishyura mu gihe cy'izungura

Iyo ugomba kwishyura azunguye mbere y'itangizwa cyangwa mu gihe cy'ikurikirana ry'igihombo rireba umutungo wa nyakwigendera cyangwa rireba irage, ugomba kwishyura ni we wenyine uba afite ububasha bwo kwemera cyangwa kwanga izungura cyangwa irage.

Article 39: Restitution of property which is given by the debtor subsequent to commencement of insolvency proceedings

If the debtor passes on any item involved in the insolvency proceedings on the commencement of the proceedings, the transfer shall be considered as illegal and such items shall be returned together with their interests.

Article 40: Payments to the debtor subsequent to commencement of insolvency proceedings

If the debtor receives payment subsequent to the commencement of the insolvency proceedings, the payer shall not be prosecuted in case it is evident that he/she was not aware of the commencement of the proceedings. He/she shall be considered as if he/she was not aware of the commencement of insolvency proceedings in case he/she paid before the publication of the Court decision.

Article 41: Rights of a debtor during succession

If the debtor succeeds on matters relating to property of the de cujus or his/her testament before or during the insolvency proceedings, he/she shall only possess the right to accept or reject the succession or the will.

Article 39: Restitution des biens cédés par le débiteur après l'ouverture de la procédure d'insolvabilité

Au cas où le débiteur cède un bien faisant partie des biens mis dans la procédure d'insolvabilité à la date de l'ouverture de ladite procédure, la cession est considérée avoir été accomplie illégalement et ces biens sont restitués avec leurs intérêts.

Article 40: Paiement au débiteur après l'ouverture de la procédure d'insolvabilité

Lorsque le débiteur reçoit un remboursement après l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, et ce avant la publication de l'ordonnance y relative, celui qui a payé est présumé n'avoir pas eu connaissance de l'ouverture de la procédure.

Article 41: Droit du débiteur au moment de la succession

Lorsque le débiteur succède avant l'ouverture ou lors de la procédure d'insolvabilité visant un patrimoine appartenant au de cujus ou à un legs, le débiteur est seul habilité à accepter ou à rejeter la succession ou le legs.

Ingingo ya 42: Inshingano zihabwa ugomba kwishyura

Urukiko rushinzwe ikurikirana ry'igihombo rushobora gutegeka ugomba kwishyura gutanga inyandiko yemeza ko amakuru yatanze ku byo yabajijwe ari ukuri.

Urukiko rushobora gutegeka itumizwa ry'ugomba kwishyura ngo arwitabe.

Urukiko rushinzwe ikurikirana ry'igihombo rushobora gufatira ibintu no kubibika ahantu hizewe mu gihe rukeka ko:

1° ugomba kwishyura wahombye ateganya gucika cyangwa guhunga u Rwanda, kugira ngo ahunge iyishyura ry'ideni, cyangwa ntatange amakuru y'iryo saba ry'itangizwa cyangwa ubundi buryo bwo kuburizamo, gutinza cyangwa guhutaza ikurikirana rye ry'igihombo ryatangijwe;

2° Ugomba kwishyura yiteguye kurigisa cyangwa kwangiza ibintu bye agamiye kubuza cyangwa gukerereza ifatira rikorwa n'umucungamutungo

3° Ugomba kwishyura yiteguye kubangamira ku buryo ubwo aribwo bwose ngo ikurikirana ry'igihombo ritagenda neza harimo no kutubahiriza amabwiriza y'urukiko.

Ingingo ya 43: Kugenerwa imibereho ku mutungo washyizwe mu ikurikirana ry'igihombo

Urukiko rugaragaza uburyo ugomba kwishyura n'umuryango we bakomeza gufashwa hakoreshejwe

Article 42: Obligation of the debtor

The Court in charge of insolvency proceedings may order the debtor to provide a declaration to confirm that the information disclosed on what he was asked was true.

The court may subpoena the debtor.

The Court in charge of insolvency may seize and safely keep the property in case it presumes that:

1° the insolvent debtor plans to abscond or is about to abscond from Rwanda with a view of avoiding payment of the debt or neglects to provide information relating to such application of the commencement or any other manner to avoid, delay or embarrass proceedings in bankruptcy against them;

2° the debtor is about to hide or destroy his/her property with an intention to hinder or delay the seizure by the administrator ;

3° the debtor is about, in any manner, to prejudice the effective course of insolvency proceedings including the Court Orders.

Article 43: Means of living on the assets involved in the insolvency proceedings

The Court shall clearly determine how the debtor and his/her family are to be granted maintenance

Article 42: Obligations du débiteur

La juridiction d'insolvabilité peut exiger un écrit de la part du débiteur attestant que les déclarations qu'il a produites sont sincères.

La juridiction peut ordonner le débiteur de comparaître.

La juridiction d'insolvabilité peut saisir les biens et les garder dans un lieu sûr lorsqu'elle estime que:

1° le débiteur en faillite envisage de s'évader ou de fuir le Rwanda dans le but d'éviter le remboursement de la dette ou la déclaration des informations relatives à la demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité ou toute autre manière visant à éviter, retarder ou gêner les procédures de faillite engagées à son encontre;

2° le débiteur s'apprête à dissimuler ou détruire ses biens dans le but d'empêcher ou de retarder la saisie par l'administrateur d'insolvabilité;

3° le débiteur s'apprête à entraver de toute manière que ce soit la réussite de la procédure d'insolvabilité, y compris le non respect des instructions de la juridiction.

Article 43: Moyens de subsistance sur les biens placés dans la procédure d'insolvabilité

La juridiction d'insolvabilité précise dans quelle mesure le débiteur et sa famille continuent d'utiliser

ibintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo.

using the assets involved in the insolvency proceedings.

les actifs placés dans la procédure d'insolvabilité.

Umucungamutungo ashobora guha ugomba kwishyura ubufasha bwa ngombwa bwo kumwunganira mu mibereho ye n'iy'umuryango nko kunganira abana batarakura kandi batarashaka b'ugomba kwishyura, uwo bashakanye, uwo bari barashakanye bafitanye umwana.

The administrator may provide to the debtor and his/her family necessary assistance for maintenance like providing help to minors and unmarried children, spouse, former spouse with whom they produced a child.

L'administrateur d'insolvabilité peut accorder au débiteur le soutien nécessaire de survie pour lui et pour sa famille, tel qu'un appui aux enfants mineurs non mariés du débiteur, au conjoint, à son ancien conjoint avec qui il a eu un enfant.

Bimwe mu bintu bigize umutungo bishobora kuvanwa mu mutungo washyizwe mu ikurikirana ry'igihombo, nk'inyungu zikomoka ku mirimo bwite yakozwe n'ugomba kwishyura nyuma y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo n'ibintu bya ngombwa by'ugomba kwishyura kugira ngo abashe kubaho, nk'ibyimukanwa, ibikoresho byo mu rugo, ibiryamirwa, imyambaro n'ibindi bintu bya ngombwa byo mu rugo by'ifatizo by'ugomba kwishyura n'umuryango we. Umucungamutungo agena ibyo bintu ashingiye ku mabwiriza ashirwaho n'Umwanditsi Mukuru n'ibiteganwa n'urukiko.

Certain assets from the estate may be deducted from the assets involved in insolvency proceedings, such as post-application earnings from the provision of personal services by the debtor after insolvency proceedings, and the necessary objects of the debtor in order to earn a living such as movables, household assets, beddings, clothing and other necessary domestic assets of the debtor and his/her family. The administrator shall determine such objects on the basis of the instructions set by the Registrar General and the Court instructions.

Certains biens peuvent être exclus du patrimoine impliqué dans la procédure d'insolvabilité, tels que les gains issus de l'exécution des services personnels par le débiteur après l'ouverture de la procédure, biens nécessaires pour le débiteur pour pourvoir à sa subsistance ou des biens de ménage, tels que le mobilier, équipement ménager, literie, vêtements et autres biens nécessaires pour satisfaire au besoins domestiques de base du débiteur et de sa famille. L'administrateur d'insolvabilité détermine ces besoins sur base des instructions du Registraire Général et de la juridiction.

Ingingo ya 44: Ingaruka z'ikurikirana ry'igihombo ku masezerano

Article 44: Effects of insolvency proceedings on contracts

Article 44: Effet de la procédure d'insolvabilité sur les contrats

Amasezerano yakomeza cyangwa atakomeza, urundi ruhande ku masezerano rugomba kumenyeshwa icyo cyemezo n'uburenganzira bwe bwo gusaba kwishyurwa umwenda n'igihe bigomba gukorwa n'uburenganzira bw'urundi ruhande ku masezerano bwo guhita ajuririra icyo cyemezo.

Whether the contract continues or is terminated, the other contractual party shall also be notified of the decision and his/her right to apply for payment and the period of time to enforce it, and the right of another party for immediate appeal against the decision.

Que le contrat continue ou pas, l'autre partie doit être informée de la décision ainsi que de son droit de réclamer sa créance et du délai dans lequel elle peut être réclamée et le droit de l'autre partie de faire un recours immédiat contre cette décision.

Umucungamutungo ashobora kwemera cyangwa gusaba urundi ruhande gushyira mu bikorwa amasezerano mbere yo gukomeza cyangwa guhagarika amasezerano. Imyenda y'urundi ruhande

The administrator may accept or require the other party to execute the contract before continuing or terminating it. Debts of the other party that may arise due to

L'administrateur d'insolvabilité peut accepter ou demander à l'autre partie l'exécution du contrat avant de décider de sa continuité ou de sa résiliation. Les créances de l'autre partie naissant de l'exécution

izavuka kubera ugushyirwa mu bikorwa kwemewe cyangwa kwasabwe n'umucungamutungo ibarwa ku mafaranga yakoreshejwe n'ubuyobozi mu ikurikirana ry'igihombo.

execution accepted or applied by the administrator shall be included in the expenses of the management in insolvency proceedings.

acceptée ou demandée du contrat par l'administrateur d'insolvabilité sont ajoutées aux frais administratifs de la procédure d'insolvabilité:

N'ubwo haba hari inzitizi mu ngingo ziteganywa n'amasezerano, umucungamutungo ashobora gufata icyemezo cyo guhererekanya amasezerano gusa iyo iryo hererekanya rifitiye akamaro umutungo .Iyo urundi ruhande rwanze iryo hererekanya, urukiko rushobora gufata icyemezo cyo kwemeza iryo hererekanya mu gihe:

Even if there are obstacles in the clauses of the contract, the administrator may take a decision to transfer the contract only if such a transfer is beneficial to the property. In case the other party to the contract rejects such a transfer, the Court may take a decision to approve such a transfer in case:

Quand bien même il y aurait des obstacles sur les dispositions du contrat, l'administrateur d'insolvabilité ne peut décider de céder un contrat que si la cession est dans l'intérêt du patrimoine. Si l'autre partie conteste la cession, la juridiction d'insolvabilité peut décider d'approuver la cession à condition que:

- 1° uhawe amasezerano ashoboye gushyira mu bikorwa inshingano zikubiye mu masezerano;
- 2° urundi ruhande rutabangamiwe ku buryo bugaragara n'iryo tangwa.

- 2° the transferee is able to execute the obligations enshrined in the contract;
- 2° the other party is not evidently prejudiced by such a transfer.

- 1° le cessionnaire est capable d'exécuter les obligations reprises dans le contrat;
- 2° l'autre partie n'est manifestement pas désavantagée par la cession.

Iyo amasezerano yatanze uwayahawe ajya mu mwanya w'uwigombaga kwishyura kandi akaba arebwa n'ayo masezerano kuva ku itariki y'itangwa ryayo kandi ibintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo ntibishobora kuzakoreshwa mu kwishyura imyendamugihe kizaza izabyarwa n'ayo masezerano.

In case the contract was transferred, the assignee shall replace the debtor and such a contract shall be effective from the date of issue of such a contract and issues mentioned in the insolvency proceedings can not be used in paying future claims as may arise from such a contract.

Si le contrat est cédé, le cessionnaire est substitué au débiteur partie au contrat à partir de la date de la cession et les biens attachés à la procédure d'insolvabilité ne peuvent pas être engagés pour les créances futures naissant de ce contrat.

Amasezerano yashyizweho umukono mbere y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo ni inshingano zibarwa ku mutungo washyizwe mu ikurikirana nyuma y'itangizwa ryayo. Imyenda ivuka kubera ayo masezerano yishyurwa nk'amafaranga yakoreshejwe n'ubuyobozi.

The contract signed before commencement of the insolvency proceedings shall be considered as obligations affiliated to the property involved in the insolvency proceedings after its commencement. Claims that may arise due to such a contract shall be cleared as expenses by the management.

Les contrats conclus avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité font naître des obligations sur le patrimoine attaché à la procédure après son ouverture. Les créances futures qui peuvent naître à l'occasion de ces contrats sont payables au titre de frais de gestion.

Amasezerano y'umurimo n'ugomba kwishyura ashobora guhagarikwa n'umucungamutungo cyangwa urundi ruhande hatitawe ku gihe cyumvikanyweho muri ayo masezerano cyangwa

A contract of employment with the debtor may be terminated by the administrator or the other party irrespective of any agreed duration of such a contract or an open -ended contract. The period of

Un contrat de travail avec le débiteur peut être résilié par l'administrateur d'insolvabilité ou l'autre partie peu importe que le contrat soit à durée déterminée ou indéterminée. Le délai de préavis est de trois (3)

amasezerano adateganya igihe azarangirira. Igihe cy'iteguza ni amezi atatu (3). Iyo umucungamutungo ahagaritse ayo masezerano, urundi ruhande rwasaba indishyi nk'uberewemo umwenda urebwa n'ikurikirana ry'igihombo kubwo kurangiza amasezerano y'akazi mbere y'igihe cyumvikanweho.

Iyo ugomba kwishyura atanze cyangwa ashyize mu bugwate umwenda wo mu gihe kizaza ku bihembo agomba guhabwa kubera amasezerano y'umurimo, agaciro k'iryo tangwa cyangwa ubwo bugwate kazagarukira ku bihembo bigomba guhabwa ugomba kwishyura mu myaka (2) uhareye ku muni wa nyuma w'ukwezi kw'itangira ry'ikurikirana. Iyo ibihembo byo mu gihe kizaza bitanzwe mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo, mu buryo bwo kwishyura, agaciro k'iryo tangwa kagarukira ku bihembo bihabwa ugomba kwishyura by'ukwezi itangira ry'ikurikirana ry'igihombo byatangiriyeho.

Ingingo ya 45: Ukugumana inyandiko igaragaza nyir'ikintu

Iyo, mbere y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo, ugomba kwishyura agurishije ikintu cyimukanwa ariko akagumana inyandiko igaragaza nyir'ikintu ariko akagitanga kigatungwa n'uwakiguze, uwaguze ashobora gusaba ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubugure. Ibyo bikurikizwa na none iyo ugomba kwishyura yemeye kugira ibyo atanga by'inyongera ku byerekeye ubugure cyangwa ibyo yiyemeje akaba atarabikoze cyangwa se ntabyubahirize byose.

notice shall be three (3) months. If the administrator terminates such a contract, the other party may claim damages as a creditor of the insolvency proceedings for premature termination of the service contract.

If the debtor assigns or pledges a future claim to emoluments due to him/her under a contract of employment, the validity of such assignment or pledge shall be limited to the emoluments to be received by the debtor within two (2) years following the last day of the last month of the commencement of the proceedings. If the future emoluments are assigned against the claim before the commencement of the insolvency proceedings, the validity of such assignment shall cover emoluments entitled to the debtor in the month of the commencement of the insolvency proceedings.

Article 45: Retention of document authenticating the owner

If the debtor, before the insolvency proceedings are commenced, has sold a movable article but retains its title and transferring its possession to the purchaser, the purchaser may claim performance of the sales contract. The same shall apply if the debtor has undertaken additional obligations with respect to the purchase and such obligations have not been met or have not been completely met.

mois. Si l'administrateur d'insolvabilité met fin au contrat, l'autre partie peut demander des dommages et intérêts pour la résiliation prématurée du contrat.

Si le débiteur cède ou nantit une créance future sur les paiements qui lui sont dus en vertu d'un contrat de travail, la validité d'une telle cession ou nantissement est limitée aux paiements à recevoir par le débiteur dans deux (2) ans à partir du dernier jour du mois de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité. Si les paiements futurs sont cédés avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité au titre de remboursement, la validité d'une telle cession est limitée aux paiements à recevoir par le débiteur pour le mois de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

Article 45 : Réention de l'écrit attestant l'authenticité du propriétaire

Si, avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, le débiteur vend un bien meuble tout en retenant le titre et cédant sa possession à l'acheteur, l'acheteur peut demander l'exécution du contrat de vente. Ceci s'applique également si le débiteur accepte de donner des engagements additionnels en matière d'achat et lorsque ces engagements n'ont pas été honorés ou entièrement respectés.

Ingingo ya 46: Gukomeza inshingano zakorwaga

Amasezerano yakozwe n'ugomba kwishyura yerekeranye n'ikodesha-gurisha n'ikodesha ry'amazu cyangwa ibindi bintu bitimukanwa no ku mirimo igomba gukorerwa ugomba kwishyura, akomeza gukorwa ariko bibarwa mu bintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo. Ibi bikurikizwa ku birebana n'amasezerano y'ubukode n'ikodesha-gurisha yakozwe n'ugomba kwishyura ariko akaba ari we nyir'ikintu gikodeshwa cyangwa nyir'ibindi bintu byatanze nk'ingwate ku wundi muntu watanze amafaranga yo kubigura cyangwa kubikora.

Ibirego byavutse mbere y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo bishobora gutangwa n'urundi ruhande nk'ubereyemo umwenda n'ikurikirana ry'irangizwa rikozwe n'urukiko.

Ingingo ya 47: Uko amategeko afata ugomba kwishyura iyo ari umukodesha cyangwa umukodesha unagura

Amasezerano y'ubukode ku bintu bitimukanwa, yakozwe n'ugomba kwishyura nk'uriha ubukode cyangwa ukodesha anagura ashobora guhagarikwa n'umucungamutungo hatanzwe integuza mu gihe giteganywa n'amategeko, hatitawe ku nteguza ishobora kuba yarumvikanyeho n'abasezeranye. Mu gihe ikigize amasezerano y'ubukode ari inzu ugomba kwishyura atuyemo guhagarika amasezerano bisimburwa n'uburenganzira bw'umucungamutungo bwo kwemeza ko imyenda

Article 46: Continuity of current obligations

Contracts concluded by the debtor for the lease and tenancy of houses or other immovables to be performed for the debtor shall continue to exist, but to the credit of the assets involved in the insolvency proceedings. This shall also apply in respect of rental and lease contracts concluded by the debtor as landlord or lessor relating to other effects assigned as a security to a third party who had financed their acquisition or production.

Claims that arise before the commencement of insolvency proceedings may be brought by the other party as a creditor of the insolvency proceedings conducted by a Court.

Article 47: Debtor's legal status as a lessee or tenant

A contract of lease on immovable's concluded by the debtor as a lessee or a tenant may be terminated by the administrator after issuing a period of notice as prescribed by law, irrespective of any period of notice agreed by the parties. In case the subject matter of the lease contract is the residential house of the debtor, the termination of the contract shall be replaced by the right of the administrator to declare that claims which are due on expiry during the period of notice shall not be asserted in the

Article 46: Continuité des obligations en cours

Les contrats conclus par le débiteur portant sur la location vente et la location des bâtiments ou autres biens immobiliers et sur des prestations à exécuter en faveur du débiteur, continueront d'exister, mais au crédit des actifs inclus dans la procédure d'insolvabilité. Ceci s'applique également sur les contrats de location et de location vente conclus par le débiteur en tant que bailleur ou propriétaire d'autres biens cédés comme sûretés à un tiers qui a financé leur acquisition ou leur production.

Les demandes naissant avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité peuvent être soulevées par l'autre partie en qualité de créancier de la procédure d'insolvabilité devant la juridiction.

Article 47: Statut légal du débiteur en tant que locataire ou crédit- preneur

Un contrat de location sur des propriétés immobilières, conclus par le débiteur en qualité de locataire ou de crédit-preneur peut être résilié par l'administrateur d'insolvabilité après un préavis légal, sans tenir compte d'un éventuel préavis convenu. Dans le cas où le logement du débiteur constitue l'objet du contrat de bail, la résiliation sera remplacée par le droit de l'administrateur d'insolvabilité de déclarer que les créances venant à échéance à l'expiration du délai de préavis ne

izageza igihe cyo kwishyurwa mu irangira ry'igihe cy'integuza idashobora kwishyuzwa mu ikurikirana ry'igihombo.

Ugomba kwishyura ashobora gusaba indishyi nk'uberewemo umwenda kubera impamvu zo kurangiza amasezerano imburagihe cyangwa kubera ingaruka zikomoka ku cyemezo cy'umucungamutungo.

Ingingo ya 48: Uko ugomba kwishyura afatwa mu mategeko iyo ari nyir'umutungo cyangwa se ari ukodesha agurisha

Iyo ugomba kwishyura nka nyir'amazu cyangwa ibindi bintu bitimukanwa atanze umwenda we wo mu gihe kizaza ukomoka ku bukode ku wundi muntu mbere y'itangizwa ry'igihombo, agaciro k'iryo tangwa kagarukira gusa ku mafaranga y'ubukode agomba guhabwa mu kwezi kwabayemo itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo. Iyo itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo ryabaye nyuma y'umunsi wa cumi na gatanu (15) w'ukwezi, iryo tangwa rigira agaciro no ku kwezi gukurikiraho.

Ingingo ya 49: Kubahiriza amasezerano y'akazi mu gihe cy'ikurikirana ry'igihombo

Amasezerano yose yerekeranye n'imirimo cyangwa amategeko yose agenga abakozi cyangwa imikorere y'akazi arubahirizwa igihe cyose cy'ikurikirana ry'igihombo.

Ingingo ya 50: Uburyo bwagenwe bwo gutesha agaciro

Ibikorwa byakozwe mu mezi atandatu (6) mbere

insolvency proceedings.

The debtor may claim damages as a creditor due to premature termination of contract or due to effects that arise from decision of the administrator.

Article 48: Debtor's legal status as landlord or lessor

If the debtor as the landlord or lessor of immovable's assigns his/her future claim to tenancy or lease fees to a third party before the insolvency proceedings were commenced, the validity of such assignment shall be limited to tenancy or lease fees to be received for the current month of the opening of the insolvency proceedings. If the insolvency proceedings were opened after the fifteenth day of a month, such assignment shall also be valid in the following month.

Article 49: Respect of contract of employment during insolvency proceedings

All contracts of employment or labour legislation shall be observed during the insolvency proceedings.

Article 50: Avoidance policy

Transactions made in six (6) months prior to the

peuvent pas être réclamées dans la procédure d'insolvabilité.

Le débiteur peut réclamer les dommages et intérêts en qualité de créancier en raison de la rupture prématurée du contrat ou au titre des conséquences résultant de la décision de l'administrateur d'insolvabilité.

Article 48: Statut légal du débiteur en qualité de propriétaire ou de crédit-bailleur

Lorsque le débiteur, en qualité de propriétaire ou de crédit-bailleur des biens immeubles, cède sa créance future de location à un tiers avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, la validité de cette cession est limitée aux frais de location à recevoir au courant du mois de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité. Si l'ouverture de la procédure d'insolvabilité a eu lieu après le quinzième jour du mois, la cession est aussi valable sur le mois suivant.

Article 49: Respect des contrats de travail durant la procédure d'insolvabilité

Tous les contrats de travail ou toute législation du travail doivent être observés durant les procédures d'insolvabilité.

Article 50: Procédure d'annulation

Les transactions faites pendant les six (6) mois qui

y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo bishobora guteshwa agaciro n'umucungamutungo abiregeye urukiko iyo bigaragagara ko ibyo bikorwa byari bigamije kurigisa, guhombya, kurengera ababereyemo imyenda n'ibindi bisa na byo.

commencement of insolvency proceedings may be invalidated by the administrator if contested against in Court on the evidence that such transactions were aimed at avoiding, concealing and protecting creditors and other related matters.

précèdent l'ouverture de la procédure d'insolvabilité peuvent être annulées par l'administrateur d'insolvabilité en saisissant la juridiction s'il est constaté que ces transactions visaient à dissimuler, désavantager, défendre les créanciers et autres faits connexes.

UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE BY'UMUTUNGO MU IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO

CHAPTER IV: MANAGEMENT AND USE OF ASSETS DURING INSOLVENCY PROCEEDINGS

CHAPITRE IV: GESTION ET UTILISATION DU PATRIMOINE DURANT LA PROCEDURE D'INSOLVABILITE

Ingingo ya 51: Itangwa ry'umutungo washyizwe mu ikurikirana ry'igihombo

Article 51: Transfer of assets involved in the insolvency proceedings

Article 51: Cession des biens placés dans la procédure d'insolvabilité

Nyuma y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo, umucungamutungo ahita afata kandi agacunga umutungo wose ugize ibintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo.

Subsequent to the commencement of insolvency proceedings, the administrator shall immediately assume possession and management of the whole property that makes up the assets involved in insolvency proceedings.

A l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, l'administrateur d'insolvabilité entre immédiatement en possession et en gestion de tout le patrimoine faisant partie des biens placés dans la procédure d'insolvabilité.

Akoresheje kopi y'icyemezo cy'urukiko cy'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo kiriho kashe mpuruza, umucungamutungo aba afite ububasha bwo kwifashisha uburyo bw'irangizamanza agahabwa ibintu byimukanwa bifitwe n'ugomba kwishyura

Using an executable duplicate of the Court Order for the commencement of the insolvency proceedings, the administrator shall be entitled to enforce by way of execution the dereliction of the chattels held in the debtor's custody.

